



Ukoboza / Dezember 2021 Ikinyarwanda

We yatanze byose!

(Mk 12,44)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Ntuhweme gutanga! Don't stop giving!

Nshuti bakunzi b'ijambo,

Yapfushishe umugabo we. Yari asigaye wenyine, umupfakazi wari ugeze mu zabukuru. Yabayeho ubuzima bwe yitanga, muri we yari yuzuye ugushima. Yari umukene ariko kandi anezewe n'ibyo ahawe byose. Yari anyuzwe, akakira gusa n'iby'ibanze yabaga akeneye. Ibindi byose yabigabiraga abandi babikeneye. Iminsi yose y'ubuzima bwe ntiyasibaga kujya mu ihekaru. Yari azi neza ko ubuzima bwe bushinze imizi mu Mana. Yizeraga Imana. Ibyo byamushobozaga gutangana umutima usukuye byose yabonaga ko atari ngombwa cyane mu buzima bwe.

Inshuro nyinshi yazaga mu ihekaru, Yezu yaramwitegerezaga. Abakungu benshi nabo bazaga aho, baturaga amafaranga menshi. Uwo mupfakazi w'umukene we atura udukeri tubiri, ariko bityo aba atanze byose yari atunze. Yerekanye ukwizera kwe guhebuje yari afite mu buzima ndetse no mu Mana. Muri ako kanya Yezu asobanurira abigishwa be agaciro k'icyo gikorwa. Bityo uwo mupfakazi ababera bese umwigisha ukomeye w'“ukwizera no kugira ubuntu”.

Muri iyi minsi y'icyorezo cya Corona twakiriye intabaza ivuye mu gihugu cya Alubani. Mu gace gakennye cyane, katarimo ibikorwa remezo na mba, nta mashuri, hari impungenge z'uko abana benshi bazisanga ntaho basigaye bahagaze ndetse nta n'icyerekezo cy'ubuzima bafite. Wasangaga bibereye ku mihanda. Itsinda ry'abagize go4peace ryatekereje gahunda y'amezi atatu, mu mpeshyi, yo kwigisha no guhugura abantu. Kugira ngo bishoboke ariko bari bakeneye amafaranga atari make. „Mushobora kudufasha?” batwandikira badusabab. Mu kwizera kw'ishuri twarabyemeye. – Umugore umwe wibanaga, yigendera yaje kumva ibyerekeranye n'uwo mushinga muri Alubaniya. Yari yaranyuze mu bihe bikomeye cyane gusa yabagaho mu ishimwe ku bw'impano ikomeye y'ubuzima yahawe. Atabanje kubitekerezaho, yahise yitanga igice cy'amafaranga yose yari akenewe kuri uwo mushinga. Umunsi umwe, ubwo abana bo mu ishuri ribanza rimwe bumvaga iby'ubuzima bugoye abandi bana bo mu kigero cyabo barimo, biyemeje kwikora ku mufuka bakuramo udukeri twose bari bibitseho. Abo bese batumye dusobanukirwa ko: Ubuzima ari impano kandi bwuzurizwa mu kwitanga! – **Ntuhweme gutanga! – Don't stop giving!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker